# Maguge na nyina



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Maguge na nyina



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

IRANZI Alice, yanditse iyi nkuru afite imyaka 9, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri abanza, mu kigo cy'amashuri abanza cya Butaro, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru. Iyi nkuru ye, MAGUGE NA NYINA, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Umunsi umwe nyina wa Maguge yararwaye



Maguge ajyana na nyina gushaka umuti.



Baragenda bagera kwa Gasamake.
Basaba Gasamake umufa w'umuti.
Gasamake ababwira ko umufa utamuvura.



Bakomeza urugendo bagera kwa Ruyuzi.
Basaba Ruyuzi indabo z’umuti.
Ruyuzi ababwira ko indabo zitamuvura.



Baragenda no kwa Bihogo.
Basaba Bihogo amata y'umuti.
Bihogo ababwira ko amata atamuvura.




Maguge na nyina bajya kwa Teteza.
Basaba Teteza amagi y'umuti.
Teteza ababwira ko amagi atamuvura.



Bakomeza urugendo bagera kwa Ruyuki.
Basaba Ruyuki ubuki bw'umuti.
Ruyuki ababwira ko ubuki butamuvura.




Ruyuki abagira inama yo kujya kwa muganga.
Abarangira muganga Bakame.




Muganga Bakame arabakira.
Asuzuma umurwayi.
Amusaba gutanga ibizamini.





Nyina wa Maguge ajya gutanga ibizamini.
Muganga Nyiragakwavu amufata amaraso.




Basanga arwaye marariya.
Bamuha umuti wa marariya.



Muganga Bakame amugira inama zinyuranye.



Kurara mu nzitiramubu ikoranye umuti.



Gutema ibihuru bikikije urugo.



Kurwanya ibidendezi by'amazi.



Gufunga amadirishya n'inzugi nimugoroba




Kutivuza magendu no kwivuriza ku gihe.



Maguge na nyina bakurikiza inama bahawe.
Baca ukubiri n'uburwayi.
Kuva ubwo batangira kugira ubuzima bwiza.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA